

**Ijambo rya Nyakubahwa Madame Jeannette Kagame
mu masengesho y'Abayobozi bakiri bato - Youth
Leaders Prayer Breakfast**

Kigali, Ku wa 21 Kanama 2022

BenImana,

BenuRWANDA

Bayobozi- Bato bacu;

Mwongeye kwirirwa!

Umwihariko w'iri teraniro, ni isano duhuje: Kuko twese imbere y'Imana turareshya kandi turangana. Niko bimeze kandi n'imbere y'itegeko rikuru rigenga igihugu cyacu.

Nashimye cyane umwanya mwahariye umuryango, nka rumwe mu ngingo nto zubaka igihugu - ari nacyo cyaduteranyirije hano uyu muni ngo dusengere igihugu cyacu.

Nagira ngo rero, abari mu rungano rwanjye bamfashe tubashimire, kuba natwe mutwemerera, gukomeza twumva ko turi Abayobozi bato nkamwe.

Abaduhaye ibiganiro ku nsanganyamatsiko yo **“Kuba Umuyobozi muto ukunda igihugu”**, baduhaye intangiriro nziza, ku buryo ubutumwa mbafitiye uyu muni, buza kunyorohera kubutanga.

Natangiye ngira nti **“BenImana”**, kuko twese ariyo yaturemye akaba ariyo duturukaho. Tunemera ko umunsi tuzasoza urugendo hano ku isi, tuzataha iwacu mu ijuru.

Murabizi ko iyo Imana iturema idushyira ku isi, ikaduha n’igihugu tuvukiramo. Tujye dushima Imana, yaduhitiyemo igihugu cyihariye kandi kimwe ku isi, maze itugira **“BenURwanda”**.

Bavandimwe, Bana bacu

Ubwo Imana yaturemye ikadushyira ku isi rero, ni ngombwa ko inyigisho dutanga cyangwa duhabwa, zikwiye kujya zifasha abantu kumva no gusobanukirwa ibibera ku isi ndetse n’ibihugu dutuye.

Umwanditsi n’Umuvugabutumwa, yanditse inkuru yibaza niba habaho **“Ukwemera no gukunda igihugu”**, **cyangwa se niba “Ukwemera kutabangikanywa no gukunda igihugu”** (*Faith and Patriotism, or Faith Vs Patriotism*):

- Abemera Imana bamwe, bavugaga ko bitabangikana kuko Itegeko ry’Imana ridusaba kuba ari yo dukunda gusa, kandi iby’ **“Imana tubiha Imana tukabitandukanya n’ibya Kayizari”**.
- Abandi bati: “Nyamara ukwemera no gukunda igihugu birajyana. Kuko Imana yahaye Muntu kugenga isi”. Yamuhaye kugenga isi inamuha n’indangagaciro ari nazo yizera ko azayoborana isi, ariko rero yaduhaye n’amahitamo bamwe bagahitamo neza abandi bagahitamo nabi, irabizi rero ko turi n’abanyanteye nke. Imana ibitezeho gukomeza gusakaza no gusangiza abandi izo ndangagaciro mu buzima n’imirimo mubamo.

BenImana, BenUrwanda, bato beza bacu

Mwe mubigenza mute? Mubyumva mute?

Imana, yaduhaye indangagaciro n’amahame atugenga nk’abizera.

Ayo mahame, ntatandukanye n’amahame yo gukunda igihugu.

Bavuga ko niba udakunda umuntu ureba, bitakorohera gukunda Imana utabona. Gukunda umuntu waremwe mu ishusho y’Imana kandi, ntiwabitandukanya no gukunda Imana.

Bavandimwe nshuti

Umuvugabutumwa Rev. Glend nababwiye, ashimangira ko Abayobozi bemera Imana, bafasha n’igihugu kunga ubumwe no gukorera hamwe.

Abayobozi bafite ukwemera kandi, usanga barwanya akarengane n’ubusumbane, ubwo ari bwo bwose. Abayobozi bagengwa n’ukwemera, begera umuntu ubabaye wese.

Ntibatinya kwicarira ibibazo bikomereye umuryango mugari (Community), kandi bakabibonera igisubizo.

Uyu muvugabutumwa ati ***“Ibyo byose iyo umuyobozi abikoze, ntabwo aba ari umuyobozi ugengwa n’indangagaciro zishingiye ku Mana gusa! Ahubwo aba yuzuye ari umuyobozi ukunda igihugu”***.

Iyo witegereje usanga umurongo n'icyerekezo u Rwanda twafashe; haba mu miyoborere, imibereho n'imategekere y'igihugu cyacu, usanga uyu murongo uganisha ku kunga ubumwe, kongera gushimangira Ubunyarwanda nk'irangashingiro ryacu. Ng'uko ukwemera kwacu nk'Abanyarwanda!

Imana izarinda u Rwanda kandi iruhe umugisha, kubera ko mwe Abayobozi muzaba mwakoreye Abanyarwanda yaremye, igikwiye.

“Uwifuza kuba mukuru muri mwe abe umugaragu wanyu”.

BenImana

BenuRwanda, Rubyiruko dukunda.

Muzi ko kuri iki gihe isi yabaye umudugudu, Umuyobozi ugengwa n'indangagaciro z'ukwemera, agomba kumenya uko isi ihagaze.

Hari uburyo twabagaho bitandukanye n'uko abantu babaho muri iki gihe n'igihe kizaza.

Abahanga bagaragaza ko, mu gihe habaye ibyorezo, hakurikiraho ingaruka zikomeye kandi zisaba gutekereza ibisubizo bidasanze.

Abenshi mukurikirana ibibera ku isi, mujya mwibaza impamvu ki, isi imaze imyaka myinshi ishyira imbere kubaka amahoro, kwihaza mu bukungu, kurwanya ibyorezo, indwara n'inzara; ariko tugakomeza kubona byiyongera?

Abenshi muri mwe, muri mu nzego zitandukanye z'ubuzima bw'igihugu, muzi ko gukunda igihugu bishobora kugeragezwa na byinshi, birimo imigambi y'abatatwifuriza icyiza, ibibazo bishingiye ku bukungu cyangwa imibanire n'ibihugu. Ibi kandi bitugiraho ingaruka nk'igihugu, BenuRwanda, bato beza bacu mubitekerezaho iki? Mubikoraho iki?

Uko mubyitwaramo, mufasha mute abandi bemera Imana kumva kubyumva no guhangana nabyo?

Mufasha mute urundi rubyiruko, kumva neza urugamba turiho, no guharanira agaciro kacu?

Mufasha abandi gute kumenya imihindagurikire y'isi no kutagendera mu nkubiri y'iby'isi byose, kugira ngo bitaturangaza tukibagirwa iyo tugana nk'Abanyarwanda.

Nk’uko abatuganirije babigarutseho, nagira ngo mbasabe gukomeza gutekereza ishingiro ry’itorero ndetse n’ishingiro ry’igihugu cyacu, ari ryo **“Umuryango”!**

Mu mikurire y’umuntu rero, iyo akiri umwana abona umuryango we ndetse n’ababyeyi be nk’igitangaza. Umutima w’umwana kandi wakira byose umuhaye, ushobora kwakira urukundo no kubahana cyangwa urwango n’umubabaro.

Abashakashatsi bagaragaza ko abana bakuriye mu muryango uhorana amakimbirane (***dysfunctional families***), bashobora kugira zimwe muri izi ngaruka. Nagira ngo mbabwire zimwe muri izo ngero n’ubwo mwaba mutifuza kubyumva nibura bibatere ubwoba kugira ngo mubashe guhitamo neza.

Hari n’izo tubona ziri mu biteza ibibazo mu bashakanye:

- Kugira amahane akabije (Aggression)
- Kumva udakunzwe kandi nawe ntubashe gukunda abandi (Limited affection)
- Kumva utitaweho kandi nawe ntawe ugize icyo akubwiye (Neglect)
- Gukoresha inzoga n’ibiyobyabwenge (Addiction)

- Guhohoterwa no guhohotera (Violence)

BenImana

BenuRwanda, Rubyiruko dukunda.

Abahanga bagaragaza ko iyo abana barerewe mu muryango utekanye (**Healthy Family**), byubaka indangagaciro zitandukanye kandi zibakurikira mu buzima bwabo bwa buri muni.

Ntabwo watoza umwana ingeso nziza mu mvugo gusa ahubwo bisaba ko ubijyanisha n'ibikorwa ndetse n'ubwo ntawakwigisha byose ngo abisoze ariko nibura yibuka ibyo yabonye. Abahanga bavuga ko kugera ku myaka 25 umwana aba azi ikiza n'ikibi ariko gusa akananirwa gukora amahitamo meza.

- **Usanga bamenya gutega amatwi** no kumva bakunzwe kandi nabo bikabafasha gukunda abandi. Abakora mu nzego z'ubuzima, bagaragaza ko bimwe mu bibazo bakira by'abantu bafite ibibazo by'ihungabana cyangwa ibibazo by'ubuzima bwo mu mutwe, akenshi ari uko baba batarakunzwe cyangwa bataragize ubatega amatwi.

- Bamenya **kuvugisha ukuri no kwamagana ikibi**: Ariko iyo umuntu yabitojwe ntatinya gusigara wenyine mu rungano. Muzi ko benshi batinya kwitandukanya n’ahari abneshi bahuje ukwemera.

Abagize **Rwanda Leaders’Fellowship**, - **Bayobozi bato bacu**, hano hari abantu bangana iki muri mwe, bajya ku mbuga nkoranyambaga bagatinyuka kwamagana ikibi?

Ubu koko murushwe ijwi n’abamamaza ikibi? Ntimukwiye kwemera guharira umwanya abasakaza ibibi, ahubwo namwe igihe hari ikibi mubonye mucyamagane ndetse mubarushe amajwi.

Kuba mwararerewe muri uyu muryango ushimangira indangagaciro zishingiye ku Mana, kurwanya ikibi byabatera ubwoba?

- Bamenya **gufatanya imirimo no kwita ku bandi**. Murabizi ko muri iki gihe abashakanye babyuka bashaka imibereho y’urugo, gufashanya imirimo yo mu rugo bifasha.

Reka nisabire abagize iri huriro cyane cyane abagabo n’abasore, muzashyireho gahunda yo kwigishanya uko mwajya mufasha abagore banyu ku batabikora.

Gufasha umuntu ukubyarira abana ni umugisha uri iruhande rwawe! Uwo mugisha Ntuzabacike!

- Kugira ***ubudahangarwa n’ubudaheranwa (resilience)*** cyane cyane igihe bahuye n’ibigoye. Bigaragara ko muri iyi minsi, abantu bagira amahitamo atandukanye, haba mu kazi, mu mibereho, mibanire n’ibindi. Ariko hari n’abategerageza, kubera ko nyine hari amahirwe. Ku bakiri bato, ni ngombwa kwiga kwihangana no kugerageza.

Mbisabire murekere aho kuvunisha no guharira inshingano z’urugo umugore wenyine. Kumva ko ariwe ugomba kwihangana, ko ari we ugomba gukemura ibigoye n’ibyananiranye mu rugo byose. Abagabo ntimukunze kuvuga, ntabwo tumenya ibibagora bisa naho biboroheye. Namwe muzatwegere dushobora kubabera abavugizi kuko twebwe turavuga ibyo tuzi. Bagore namwe ariko mwemerere abo mwashakanye icyo nakwita “space” kugira ngo mufatanye. ***“Stop giving a free pass to men.”***

Mwibaze icyakorwa ngo umuntu abashe kubohora uwo akunda - uwo bashakanye. Ni gute dufasha abagabo kwibohora kumva ko kugira ngo bubahwe bagomba kubishakisha kandi bakabikora bakandamiza abo bashakanye?

Ni gute twafasha abagore kwisobanukirwa bakamenya kubaha, ariko bakanasobanukirwa uburenganzira bafite bwo kubahwa no kuvuga ikibabaje aho kugumana agahinda kabo bonyine?

BenImana

BenuRwanda

Muri Yohani, igice cya 4, umurongo wa 20 (1 Yohani 4:20) haranditse ngo: 'Niba umuntu avuze ati «Nkunda Imana», ariko akanga umuvandimwe we, aba ari umubeshyi.

Koko rero, umuntu udakunda umuvandimwe we abonesha amaso, ntashobora gukunda Imana atabona.

Muri Yohani, igice cya 3, umurongo wa 18 (1 Yohani 3:18) hari ubutumwa bugira buti: ‘Bana bato, twe gukundana urumamo mu magambo cyangwa ku rurimi, ahubwo dukundane mu byo dukora no mu by’ukuri.’

Ni gute rero buri wese yafasha mugenzi we kuba umuntu mwiza, ubaho ubuzima bwiza kandi akabaho yishimye kugira ngo nawe bimufashe kubisangiza abandi, baba abo mu muryango we wa bugufi, umuryango mugari n’igihugu muri rusange.

Ni inshingano zacu twese gukunda no kurinda iki gihugu cyiza Imana yaduhaye.

BenImana

BenuRwanda

Mukomeze mwimakaze **indangagaciro-nyobozi zishingiye ku Mana**. Mwubake **umuryango urera Abana bahamya ukwemera kwacu** kandi bagashimangira **gukunda igihugu cyacu**.

Murakoze, mugire umunsi mwiza!